NEBRASKA
Good Life. Great Mission.

# Ibibazo Bikunze Kubazwa ku bijyanye n'Abantu bashinzwe kwita kubandi byemewe n'amategeko (LRI)

**1. Ni izihe nshingano z'Ibigo bifite munshingano guhugura abakozi no kubongerera ubushobozi mu bijyanye no gutanga ubufasha bw’ubuvuzi umuntu ashobora gukenera?**

Ibigo bitanga abatanga serivisi (agency providers) bigomba gutanga amahugurwa amwe n’ubumenyi bumwe ku bakozi, kimwe n’amahugurwa ajyanye n’ubufasha bw’ubuvuzi, ku bakozi bita kubafite ubumuga byemewe n'amategeko (Legally Responsible Individuals "LRIs") kugirango bite ku muntu bafasha, nk’uko babikora ku bandi bakozi bose.

**2. Ese haba hariho uburyo butandukanye bwo guhugura kubera ko ari LRI itanga serivisi?**

Nta tandukaniro rigomba kuba mu mahugurwa cyangwa mu buryo bwo kwita kubakozi ba LRI.

**3. Ni izihe nshingano ibigo bifite mu gutanga raporo ku byabaye? Ese Raporo rusange z’ibikorwa zisabwa gusa igihe serivisi itangwa cyangwa igihe iri kwishuzwa?**

Ibigo bitanga abatanga serivisi (agency providers) bishinzwe gusa gutanga raporo zibyabaye ndetse n'Ibikorwa rusange (GERs) mu gihe serivisi zirigutangwa cyangwa ziri kwishyurwa (billed).

**4. Niba gutanga imiti ari kimwe mu byo umuntu akeneye, ese ikigo kigomba kugira Ifishi igaragaza itangwa ry’iyo miti (Medication Administration Record – MAR)? Ese ifishi igaragaza uko imiti yatanzwe (MAR) igomba kuzuzwa n’umuntu wita ku bafite ubumuga (LRI) mu munsi wose, cyangwa ikorwa gusa iyo serivisi iri gutangwa?**

Yego, MAR iba ikenewe igihe abashakanye umwe yitakuwundi nka LRI amuha serivisi zo kumwitaho mu buryo bwo kumuha imiti nk'umunyamuryango urihejuru y'imyaka 18. Ibi ntibibarwa mu bipimo by'uburyo bwo kwita kubantu bari hagati y'imyaka 0-18, bityo rero uwatanze iyo serivi LRI ntashobora kwishyuriza uyu murimo.

**5. Ni izihe nshingano cyangwa ibisabwa mu kugenzura itangwa rya serivisi? Ese haba hari ikintu runaka cyihariye giteganyijwe?**

Ikigo gitanga utanga serivisi kigomba gutanga uburyo bumwe bwo gukurikirana iyi serivisi nk’uko kibigenza ku zindi serivisi zidafitanye isano no kwigisha (non-habilitative services).

**6. Ese iyi serivisi iri ku rutonde rw'izigenewe abasheshakanguhe n'abafite ubumuga (AD) ndetse n'abafite ubumunga bw'imikurire (DD)? Nk’Ikigo gitanga serivisi, haba hari uburyo bwihariye bwitezwe izi serivisi zibaye zitangiwe kubwishingizi bw'abasheshakanguye n'abafite ubumunga (AD Waiver) ugereranyije n'ubw'abafite ubumunga bw'imikurire (DD Waiver)?**

Yego, serivisi zo kwita kumuntu ubana n'ubumuga zitangirwa kubwishingizi bwishingira abasheshakanguhe n'abafite ubumuga (AD Waiver) ndetse no kubwishingizi bwose uko ari butatu bwishingira abafite ubumunga bw'imikurire (DD Waiver). Serivisi zihabwa abagenerwabikowa nizimwe kubwishingizi bwose.

**7. Iyi serivisi iri kurutonde rwa serivisi zitagamije kwigisha. Ni biki bisabwa mu kwandika raporo y'itangwa rya serivisi?**

Iyi serivisi isaba gukoresha Ifishi yihariye mu kuyitanga, ndetse no gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga kugirango hemezwe ko yatanzwe (EVV). Uburyo bwo kugaragaza ko serivisi yatanzwe hifashishishwe ikoranabuhanga ibizwi nka (EVV) rikubiyemo amakuru yo kugaragaza igihe serivisi yatangiriye gutangwa, igihe yasorejwe, aho yatangiwe, ubwoko bwa serivisi yatanzwe, ndetse n’umukono w’uwahawe serivisi igihe serivisi zo kwitabwaho za tangwaga.

**8. Ni iyihe kode ya serivisi y'ukuri?**

Hari kode za serivisi zitandukanye hagati y’abatanga serivisi bo mu bigo ndetse n’abigenga, ndetse no hagati y’ubwishingizi bwa AD ndetse n'ubwa DD. Serivisi ntabwo ishobora gutangirwa uburenganzira bwo gutangwa igihe cyose uyitanga atariyandikisha nkuko bisabwa.

**Ibigo bitanga abatanga serivisi:**

Abakozi batanga serivisi zita kubafite ubumuga bw'Imikurire (DD LRI Personal Care) batangwa n'-Ikigo: 8317
n'Abakozi batanga serivisi zita kubafite ubumuga bw'Imikurire (DD LRI Personal Care – Agency) batangwa n'-Ikigo: 7995

**Abatanga serivisi Bigenga:**

Abakozi batanga serivisi zita kubafite ubumuga bw'Imikurire (DD LRI Personal Care) Bigenga: 3593
n'Abakozi batanga serivisi zita kubafite ubumuga bw'Imikurire (DD LRI Personal Care) -Bigenga: 5011

**9. Ni Ibiki umuntu agomba kuba yujuje kugirango yemererwe gutanga serivisi zo kwita kubantu bafite ubumuga (LRI)? Ese haba hari ahantu umuntu yabona urutonde rw'ibisabwa kugirango umuntu yigenzure ko abyujuje?**

Ibisuzumwa kugirango umuntu yemererwe gukora nk'umukozi utanga iyi serivisi (LRI) Nibimwe kubakozi bose baba abigenga cyangwa abatangwa n'ikigo. Ukeneye ibindi bisobanuro wasura urubuga:https://dhhs.ne.gov/Pages/PSE-for-HCBS-Providers.aspx.

**10. Ese aba bakozi baba bafatwa nk'abahora ho kuburyo bishyura n'umusoro (W-2) cyangwa bafatwa nk'abigenga (1099 Contractors)?**

Abakozi batanga izi serivisi bafatwa nk’abakozi ba W-2, ntabwo ari abigenga.